| CMKN501-IKINYARWANDA K'INTYOZA | | | |
|---|---|---|---|
| UBUSHOBOZI : GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA | | | |
| UMURONGO NGENGABUSHOBOZI MU RWANDA (RTQF ) IKICIRO: 5 | INDENGO: 3 | AMASAHA ATEGANIJWE: 30 | |
| ISHAMI: YOSE | | AGASHAMI: TWOSE | |
| IGIHE YATEGURIWE: UGUSHYINGO 2016 | | IGIHE YAVUGURURIWE: | |

**INTEGO NYAMUKURU**

Iyi mbumbanyigisho irasobanura ubumenyi n'ubushobozi bukenewe kugira ngo uwiga ashobore :

- Gukoresha ikinyarwanda k'intyoza mu kumva, kuvuga, gusoma no kwandika, mu bikorwa bijyanye n'umwuga we.
- Gukoresha ubuvanganzo nyandiko mu gushyikirana n'abandi abagezaho ibitekerezo bye kandi agaragaza uko yakira ibyabo.
- Kugaragaza imyumvire n'imyifatire ikwiye agenda avoma mu myandiko, inkurushusho n'ikinamico binyuranye.
- Kugereranya ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda.
- Guhanga no kumurika mu rurimi rw'ikinyarwanda afatiye ku ngeri zinyuranye z'imyandiko.
- Gukoresha neza ibinyazina bitandukanye.
- Kwandika neza amazina bwite anyuranye.

**UBUSHOBOZI FATIZO**

*Ubushobozi mu Kinyarwanda cy'umwuga*

**INGINGO N'IBIPIMO BY'UBUSHOBOZI**

Ingingo z'ubushobozi zisobanura umusaruro w'ibanze ugomba kugerwaho.

Ibipimo by'ubushobozi bisobanura ubushobozi busabwa mu kugaragaza ko intego zikubiye mu mbumbe zagezweho .

| **INGINGO Z'UBUSHOBOZI**<br>Ushoje iyi mbumbanyigisho aba ashoboye : | **IBIPIMO BY'UBUSHOBOZI** |
|---|---|
| **1. Gukoresha ubuvanganzo nyandiko ashyikirana n'abandi.** | 1.1 Gukoresha ikinyarwanda kiboneye, uwiga agaragaza ko yumva inkurushusho abinyujije mu ngiro zitandukanye .<br>1.2 Gusubiza mu mvugo iboneye ibibazo ku nkurushusho.<br>1.3 Gusoma neza inkurushusho yubahiriza uturango n'isesekaza.<br>1.4 Guhindura inkurushusho mo agakino akurikiranya neza ingingo.<br>1.5 Guhimba no kwandika inkurushusho. |
| **2. Gukoresha ikinyarwanda kiboneye uwiga agaragaza uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane no gukoresha ibinyazina binyuranye.** | 2.1. Gukoresha ikinyarwanda kiboneye, uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane abinyujije mu ngiro zitandukanye.<br>2.2. Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.<br>2.3. Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>2.4. Guhina no guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.<br>2.5. Kumurika ingero zifatika zigaragaza uburyo bwo gukemura amakimbirane.<br>2.6. Gukoresha ibinyazina binyuranye ku buryo bukwiye. |

| | |
|---|---|
| **3. Gukangurira abandi akamaro k'isuku n'isukura no gukoresha ibinyazina binyuranye.** | 3.1. Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye, uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku kamaro k'isuku n'isukura abinyujije mu ngiro zitandukanye.<br>3.2. Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.<br>3.3. Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>3.4. Guhina no guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.<br>3.5. Kumurika ingero zifatika zihamya akamaro k'isuku n'isukura.<br>3.6. Gukoresha ibinyazina binyuranye ku buryo bukwiye. |
| **4. Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye agaragaza uburyo bunyuranye bwo gutunganya ubutaka no gukoresha ibinyazina binyuranye.** | 4.1. Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye agaragaza ko yumva umwandiko ku mitunganyirize y'ubutaka abinyujije mu ngiro zitandukanye.<br>4.2. Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.<br>4.3. Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>4.4. Guhina no guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.<br>4.5. Kumurika ingero zifatika zihamya imitunganyirize iboneye y'ubutaka.<br>4.6. Gukoresha ibinyazina binyuranye ku buryo bukwiye. |
| **5. Gukoresha neza uburyo bunyuranye bw' ubwumvane no kwandika yubahiriza imyandikire y'Ikinyarwanda.** | 5.1. Gukoresha ikinyarwanda kiboneye, uwiga agaragaza ko yumva ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane mu ngiro zitandukanye.<br>5.2. Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku ikinamico.<br>5.3. Gusoma neza ikinamico yubahiriza uturango twayo.<br>5.4. Guhimba no gukina ikinamico ahuza imvugo n'ingiro.<br>5.5. Gukoresha neza inzego z'ururimi.<br>5.6. Kubahiriza imyandikire y'amazina bwite. |

**IMBATA Y'INYIGISHO**

Imbata y'inyigisho irasobanura umusaruro utegerejwe kuri buri mutwe. Uwo musaruro ni ubumenyi n'ubushobozi by'ibanze bigomba kugerwaho. Ibigomba kwigishwa kugira ngo umusaruro witezwe uzagerweho birateganyijwe. Ibikorwa by'uwiga bikubiyemo ingingo zinyuranye ziyobora uwiga n'uwigisha.

| **Imbumbe ya 1: Gukoresha ubuvanganzo nyandiko ashyikirana n'abandi.** | | | **Amasaha ateganijwe: 6** |
|---|---|---|---|
| **Umusaruro w'inyigisho** | **Ibyigwa** | **Ibikorwa by'uwiga** | **Imfashanyigisho** |
| **1.1 Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye uwiga agaragaza ko yumva inkurushusho abinyujije mu ngiro zitandukanye .**<br>**1.2 Gusubiza mu mvugo iboneye ibibazo ku nkurushusho.**<br>**1.3 Gusoma neza inkurushusho yubahiriza uturango n'isesekaza.** | • **Ibimenyetso by'uteze amatwi atarogoya ufite ijambo.**<br>**Inkurushusho**<br>✓ Insanganyamatsiko;<br>✓ Inyunguramagambo;<br>✓ ingingo z'umuco n'amateka;<br>✓ Inshamake y'inkurushusho;<br>✓ inshoza n'uturango by'inkurushusho;<br>✓ isomo ry'ingenzi; | ○ Gusoma inkurushusho bucece.<br>○ Gusoma inkurushusho mu matsinda bashaka:<br>- Ibisobanuro by'amagambo akomeye;<br>- Ibisubizo by'ibibazo byo kumva inkurushusho no kumurika ibivuyemo;<br>Uturango tw'inkurushusho.<br>○ Gusoma inkurushusho uwiga | - Ibitabo by'ubuvanganzo (inkurushusho) ;<br>- Ibinyamakuru bikoresha inkurushusho ;<br>- Sede (cd);<br>- Disiketi ;<br>- Ikibaho;<br>- Marikeri;<br>- Murandasi;<br>- Inkoranyamagambo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **1.4 Guhindura inkurushusho mo agakino akurikiranya neza ingingo.**<br><br>**1.5 Guhimba no kwandika inkurushusho.** | ✓ ihimbankuru;<br>✓ isesekaza n'utwatuzo.<br><br>**Udukino dufatiye ku nkurushusho** | aranguruye ;<br>○ Gusoma inkurushusho bakuranwa ;<br>○ Guhuza ibivugwa mu nkurushusho n'indangagaciro;<br>○ Gusanisha ingeso zivugwa mu nkurushusho n'imyitwarire y'abantu;<br>○ Gukoresha ikinyarwanda kiboneye agaragaza insanganyamatsiko z'ingenzi;<br>○ Gusobanura ingingo z'umuco n'amateka;<br>○ Gusobanura inshoza n'uturango by'inkurushusho;<br>○ Guhina mu magambo inkurushusho;<br>○ Gutahura isomo ry'ingenzi;<br>○ Guhimba udukino dufatiye ku nkurushusho. | |

| Imbumbe ya 2: Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye agaragaza uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane no gukoresha ibinyazina binyuranye. | | | Amasaha ateganijwe : 6 |
|---|---|---|---|
| **Umusaruro w'inyigisho** | **Ibyigwa** | **Ibikorwa by'uwiga** | **Imfashanyigisho** |
| **2.1 Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye, uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane abinyujije mu ngiro zitandukanye.**<br><br>**2.2 Gusubiza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.**<br><br>**2.3 Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.**<br><br>**2.4 Guhina no guhimba umwandiko** | ✓ Umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane;<br>✓ Ibimenyetso by'utega amatwi atarogoya;<br>✓ Inyunguramagambo;<br>✓ Insanganyamatsiko y'umwandiko;<br>✓ Ingingo z'umuco ;<br>✓ Ingingo z'amateka (gusasa inzobe, Gacaca, Imimaro,..);<br>✓ ingero zifatika zigaragaza uburyo bwo gukemura amakimbirane mu muryango.<br>✓ indangagaciro y'ubworoherane;<br>✓ Ihinamwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane;<br>✓ Ihangamwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura | o Gutega amatwi umwandiko ujyanye no gukemura amakimbirane.<br>o Kutarogoya ufite ijambo nta mpamvu.<br>o Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko n'inyunguramagamb o.<br>o Kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.<br>o Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye agaragaza indangagaciro y'ubworoherane.<br>o Gusoma mu matsinda bashaka.<br>o Ibisobanuro by'amagambo akomeye.<br>o Ibisumizo by'ibibazo byo kumva umwandiko.<br>o Bamurika mu ruhame ibyavuye | - Ibitabo bikubiyemo imyandiko yerekeye gukemura amakimbirane; ibitabo by'ikibonezamvugo;<br>- SEDE (CD);<br>- Disiketi ;<br>- Ikibaho;<br>- Marikeri;<br>- Murandasi;<br>- Inkoranyamagambo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **akurikiranya ingingo.** | amakimbirane.<br><br>✓ **ibinyazina**:<br>*Nyereka*<br>*Ngenera*<br>*Ngenga* | mu matsinda.<br>○ Gusoma aranguruye agaragaza isesekaza.<br>○ Gukusanyiriza mu matsinda ibitekerezo ku kamaro ko gukemura amakimbirane.<br>○ Gukora inshamake y'umwandiko.<br>○ Kujya impaka ku ngaruka zo guhembera amakimbirane.<br>○ Gutahura imikoreshereze y'ibinyazina binyuranye. | |
| **2.5 Kumurika ingero zifatika zigaragaza uburyo bwo gukemura amakimbirane mu muryango.** | | | |
| **2.6 Gukoresha ibinyazina binyuranye ku buryo bukwiye.** | | | |

| **Imbumbe ya 3: Gukangurira abandi akamaro k'isuku n'isukura no gukoresha ibinyazina binyuranye.** | | | **Amasaha ateganijwe : 6** |
|---|---|---|---|
| **Umusaruro w'inyigisho** | **Ibyigwa** | **Ibikorwa by'uwiga** | **Imfashanyigisho** |
| **3.1 Gukoresha** | ✓ Umwandiko ku | ○ Gutega amatwi umwandiko ku | - Ibitabo bikubiyemo |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ikinyarwanda kiboneyen uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku kamaro k'isuku n'isukura abinyujije mu ngiro zitandukanye.**<br><br>**3.2 Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.**<br><br>**3.3 Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.**<br><br>**3.4 Guhina no guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.**<br><br>**3.5 Kumurika ingero zifatika zihamya akamaro k'isuku n'isukura.** | nsanganyamatsiko ku isuku n'isukura;<br>✓ Ibimenyetso by'uteze amatwi atarogoya ufite ijambo.<br><br>✓ Inyunguramagambo;<br>✓ Insanganyamatsiko y'umwandiko;<br>✓ Ingingo z'umuco n'amateka;<br>✓ Isesekaza n'utwatuzo;<br>✓ Indangagaciro zo kubaha ubuzima;<br>✓ ingero zifatika zihamya akamaro k'isuku n'isukura;<br>✓ Ihinamwandiko ku nsanganyamatsiko y' isuku n'isukura;<br>✓ Ihangamwandiko ku isuku n'isukura. | isuku n'isukura.<br>o Kutarogoya ufite ijambo nta mpamvu.<br>o Kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.<br>o Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye agaragaza indangagaciro yo kubaha ubuzima (Kubaha uburenganzira bwa muntu, kwirinda ihohotera iryo ari ryo ryose,kwiyitaho ).<br>o Gusoma mu matsinda bashaka:<br>o -Ibisobanuro by'amagambo akomeye;<br>o -Ibisubizo by'ibibazo byo kumva umwandiko;<br>o -Bamurika mu ruhame ibyavuye mu matsinda ;<br>o Gusoma aranguruye agaragaza isesekaza.<br>o Gukusanyiriza mu matsinda, ibitekerezo ku isuku n'isukura.<br>o Gukora inshamake y'umwandiko. | imyandiko yerekeye isuku n'isukura;<br>- Ibitabo by'ikibonezamvugo;<br>- SEDE (CD);<br>- Disiketi ;<br>- Ikibaho;<br>- Marikeri;<br>- Murandasi;<br>- Inkoranyamagambo;<br>- Itangazo Mpuzamahanga ry'uburenganzira bwa Muntu,<br>- Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;<br>- Amafoto ku bikorwa by'isuku n'isukura. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **3.6 Gukoresha ibinyazina binyuranye ku buryo bukwiye.** | ✓ **Ibinyazina**<br>*Ngenera ngenga*<br>*Ndafutura/ndasigura*<br>*Mpamagazi* | ○ Kujya impaka ku ngaruka z'umwanda.<br>○ Gutahura imikoreshereze y'ibinyazina binyuranye. | |

| **Imbumbe ya 4: Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye agaragaza uburyo bunyuranye bwo gutunganya ubutaka no gukoresha ibinyazina binyuranye.** | | | **Amasaha ateganijwe : 6** |
|---|---|---|---|
| **Umusaruro w'inyigisho** | **Ibyigwa** | **Ibikorwa by'uwiga** | **Imfashanyigisho** |
| **4.1 Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye** | ✓ umwandiko ku nsanganyamatsiko yerekeye | ○ Gutega amatwi umwandiko ku mitunganyirize y'ubutaka. | - Igitabo gikubiyemo imyandiko ku |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku mitunganyirize y'ubutaka abinyujije mu ngiro zitandukanye.** | imitunganyirize y'ubutaka;<br>✓ ibimenyetso by'uteze amatwi atarogoya.<br><br>✓ isesekaza n'utwatuzo;<br>✓ inyunguramagambo;<br>✓ insanganyamatsiko y'umwandiko;<br>✓ indangangakiro na kirazira;<br>✓ ingingo z'amateka n'umuco;<br>✓ ingero zifatika zihamya imitunganyirize;<br>✓ ihimbamwandiko.<br><br>✓ Ikinyazina:<br>✓ *Mbaza*<br>✓ *Mboneranteko*<br>✓ *Nyamubaro* | ○ Kutarogoya ufite ijambo nta mpamvu.<br>○ Kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.<br>○ Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye agaragaza indangagaciro yo gukorera mu mucyo.<br>○ Gusoma mu matsinda bashaka:<br>○ -Ibisobanuro by'amagambo akomeye;<br>○ -Ibisubizo by'ibibazo byo kumva umwandiko;<br>○ Bamurika mu ruhame ibyavuye mu matsinda;<br>○ Gusoma aranguruye agaragaza isesekaza.<br>○ Gukusanyiriza mu matsinda, ibitekerezo ku mitunganyirize y'ubutaka.<br>○ Gukora inshamake y'umwandiko. | nsanganyamatsiko yo gutunganya ubutaka ;<br>- Ibitabo by'ikibonezamvugo;<br>- SEDE (CD);<br>- Disiketi ;<br>- Ikibaho;<br>- Marikeri;<br>- Murandasi;<br>- Inkoranyamagambo;<br>- Itangazo Mpuzamahanga ry'uburenganzira bwa Muntu;<br>- Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;<br>- Amafoto ku bikorwa by'imitunganyirizwe y'ubutaka. |
| **4.2 Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko** | | | |
| **4.3 Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.** | | | |
| **4.4 Guhina no guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.** | | | |
| **4.5 Kumurika ingero zifatika zihamya imitunganyirize iboneye y'ubutaka.** | | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **4.6 Gukoresha ibinyazina binyuranye ku buryo bukwiye.** | | ○ Kujya impaka ku ngaruka zo kudacunga neza ubutaka.<br>○ Gutahura imikoreshereze y'ibinyazina binyuranye.<br>○ | |

| **Imbumbe ya 5: Gukoresha neza uburyo bunyuranye bw ' ubwumvane no kwandika yubahiriza imyandikire y'Ikinyarwanda.** | | | **Amasaha ateganijwe : 6** |
|---|---|---|---|
| **Umusaruro w'inyigisho** | **Ibyigwa** | **Ibikorwa by'uwiga** | **Imfashanyigisho** |
| **5.1 Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye uwiga agaragaza ko** | ✓ Ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane; | ○ Gutega amatwi ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane. | - Ibitabo bikubiyemo imyandiko yerekeyeubwumvane; |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **yumva ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane mu ngiro zitandukanye.**<br><br>**5.2 Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku ikinamico.**<br><br>**5.3 Gusoma neza ikinamico yubahiriza uturango twayo.**<br><br>**5.4 Guhimba no gukina ikinamico ahuza imvugo n'ingiro**<br><br>**5.5 Gukoresha neza inzego z'ururimi.**<br><br>**5.6 Kubahiriza imyandikire y'amazina bwite.** | ✓ Ibimenyetso by'uteze amatwi atarogoya.<br><br>✓ Inyunguramagambo ku ngeri y'ikinamico;<br>✓ Ingingo z'umuco n'amateka;<br>✓ Udukino ku nsanganyamatsiko ishingiye ku bwumvane;<br>✓ Isesekaza n'utwatuzo.<br><br>✓ Inzego z'ururimi:<br>*Imvugo ikocamye*<br>*Imvugo isanzwe*<br>*Imvugo ihanitse*<br><br>✓ Amazina bwite<br>*y'ahantu afite indomo*<br>*y'abantu arenze rimwe*<br>*y'abantu*<br>*n'ahantu y'amavamahanga*<br>*y'idini* | ○ Kutarogoya ufite ijambo nta mpamvu.<br>○ Gusubiza ibibazo byo kumva ikinamico n'inyunguramagambo.<br>○ Kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu ikinamico.<br>○ Gusoma bucece ikinamico.<br>○ Gusoma bakuramwa, baranguruye bigana, abakinankuru.<br>○ Gukorera mu matsinda, bungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ivugwa mu ikinamico.<br>○ Guhimba no gukina udukino ku nsanganyamatsiko ishingiye ku bwumvane.<br>○ Kujya impaka ku mvugo ziboneye.<br>○ Gutahura no gukosora amakosa mu myandikire y'amazina bwite. | - Ibitabo by'ikibonezamvugo ;<br>- SEDE (CD);<br>- Disiketi ;<br>- Ikibaho;<br>- Marikeri;<br>- Murandasi;<br>- Inkoranyamagambo;<br>- Amabwiriza ya Minisitiri N0 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire y'Ikinyarwanda nk'uko yasohotse mu Igazeti ya Leta N0 41 bis yo ku wa 13/10/2014. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | *yari asanwzeho* | | |

**Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe**


BIZIMANA S, KAYUMBA C., (2011), *Inkoranya y'ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 2ème, Edition

BIZIMANA, S., RWABUKUMBA, G., (2011), *Inkoranya y'ikinyarwanda mu Kinyarwanda,* IRST, 1ère Edition

CHARMEAUX, E., (1975), La lecture à l'école, Cédix, Paris.

CONFÉRENCE DES MINISTRES DE L'EDUCATION DES ETATS D'EXPRESSION FRANÇAISE, (1986), Promotion et intégration des langues nationales dans les systèmes éducatifs, Librairie Honoré Champion, Paris.

COUPEZ A. (196) Grammaire Rwanda Simplifiée, Usumbura

Dictionnaire Rwandais-Français, Edition abrégée et adaptée par Irénée JACOB.

EDITION BAKAME (2010) Ikinyarwanda Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye , Kigali

FOUNTAIN PUBLISHERS, (2011), Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa 4, Fountain Publishers, Kigali

FOUNTAIN PUBLISHERS, (2011), Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa 5, Fountain Publishers, Kigali

FOUNTAIN PUBLISHERS, (2011), Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa 6, Fountain Publishers, Kigali

GAGNÉ, G., PAGÉ, M. na ARRAB, E, (2002), Didactique des langues maternelles. Questions actuelles dans différentes régions du monde, De Boeck Universitégions du monde, De Boeck Université, Bruxelles.

GASIMBA F.X (2004), Inganzo y'Ubwanditsi, Prix Kadima, Paris OIF

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (RALC), (2013), Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda, Imfashanyigisho ibanza, Kigali

KAGIRANEZA Z. (1989), Igitaramo ku mateka y'u Rwanda, MINESUPRESS

MINEDUC (2008), Ikinyarwanda : Imyandiko mfashanyigisho, Igitabo cy'Umunyeshuri, NCDC, Kigali

MINISTERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE (1986) Ikinyarwanda: Ikibonezamvugo cyo mu Cyiciro cya Gatatu, Kigali

UNIVERSITY OF RWANDA/COLLEGE OF EDUCATION (2014), Umusogongero ku Buvanganzo Nyarwanda , Kigali.

VANHOVE J. (1941), Essai de Droit Coutumier du Ruanda, Bruxelles, Librairie Falk fils.

**INYOBOZI Y'ISUZUMABUSHOBOZI**

**ISUZUMA MBONEZANYIGISHO**

| Ingingo z'ubushobozi | Ubushobozi busuzumwa | Gihamya | Urutonde rw'ibisuzumwa | Arabishoboye | | Umwanzuro |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Yego | Oya | |
| **1. Gukoresha ubuvanganzo ashyikirana n'abandi.** | **1.1 Uwiga yakoresheje neza Ikinyarwanda kiboneye agaragaza ko yumva inkurushusho abinyujije mu ngiro zitandukanye .** | **1.2** Amajwi n'amashusho **by'uwiga** ateze amatwi atarogoya | ✓ Ibimenyetso by'uteze amatwi atarogoya ufite ijambo<br>✓ *inkurushusho* | | | |
| | **1.3 Yashubije mu mvugo iboneye ibibazo ku nkurushusho.** | • Amajwi n'amashusho y'ibisubizo ku kumva umwandiko | ✓ insanganyamatsiko<br>✓ inyunguramagambo<br>✓ ingingo z'umuco n'amateka<br>✓ isomo ry'ingenzi | | | |
| | **1.4 Yasomye neza inkurushusho yubahiriza uturango** | • Amajwi n'amashusho by'isomwa ry'inkurushusho | ✓ isesekaza n'utwatuzo | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **n'isesekaza.** | | | | | |
| | **1.5 Yahinduye inkurushusho mo agakino akurikiranya neza ingingo** | • Amajwi n'amashusho ku dukino tw'inkuru n'inkuru shusho | ✓ *Udukino dufatiye ku nkurushusho* | | | |
| | **1.6 Yahimbye anandika inkurushusho** | • Inyandiko y'inkurushusho | ✓ ihimbankuru | | | |
| **2. Gukoresha ikinyarwanda kiboneye uwiga agaragaza uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane no gukoresha ibinyazina binyuranye** | **2.1 Uwiga yakoresheje neza Ikinyarwanda kiboneye agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane abinyujije mu ngiro zitandukanye** | • Amajwi n'amashusho by'uwiga ateze amatwi atarogoya | ✓ Umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane<br>✓ Ibimenyetso by'utega amatwi atarogoya | | | |
| | **2.2 Yashubije ibibazo** | • Amajwi n'amashusho | ✓ Inyunguramagambo | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **mu mvugo iboneye ku mwandiko** | ku bibazo byo kumva umwandiko | ✓ Insanganyamatsiko y'umwandiko<br>✓ Ingingo z'umuco<br>✓ Ingingo z'amateka<br>✓ indangagaciro y'ubworoherane | | | |
| | **2.3 Yasomye umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza** | • Amajwi n'amashusho ry'isomwa ry'umwandiko | ✓ Isesekaza n'utwatuzo | | | |
| | **2.4 Yahinnye anahimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.** | • Amashusho, amajwi n'inyandiko z'ihimba, imurika n'ihinamwandiko | ✓ Ihangamwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane<br>✓ Ihinamwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane | | | |
| | **2.5 Yamuritse ingero zifatika zigaragaza uburyo bwo gukemura** | • Aamashusho n'amajwi y'imurika ry'ingero zifatika zigaragaza uburyo | ✓ ingero zifatika zigaragaza uburyo bwo gukemura amakimbirane mu | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **amakimbirane mu muryango** | bwo gukemura amakimbirane mu muryango | muryango | | | |
| | **2.6 Yakoresheje ibinyazina binyuranye ku buryo bukwiye** | • Inyandiko y'ibisubizo ku binyazina | ✓ ibinyazina | | | |
| **3. Gukangurira abandi akamaro k'isuku n'isukura no gukoresha ibinyazina binyuranye** | **3.1 Uwiga yakoresheje Ikinyarwanda kiboneye agaragaza ko yumva umwandiko ku kamaro k'isuku n'isukura abinyujije mu ngiro zitandukanye** | • Amajwi n'amashusho by'uwiga ateze amatwi atarogoya | ✓ Umwandiko ku nsanganyamatsiko ku isuku n'isukura<br>✓ Ibimenyetso by'uteze amatwi atarogoya ufite ijambo | | | |
| | **3.2 Yashubije neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko** | • Amajwi n'amashusho ku bisubizo byo kumva umwandiko | ✓ Inyunguramagambo<br>✓ Insanganyamatsiko<br>✓ Ingingo z'umuco n'amateka | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | ✓ Indangagaciro zo kubaha ubuzima | | | |
| | **3.3 Yasomye neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza** | • Amajwi n'amashusho by'isomwa ry'umwandiko | ✓ Isesekaza n'utwatuzo | | | |
| | **3.4 Yahinnye anahimba umwandiko akurikiranya neza ingingo** | • Amajwi, amashusho n'inyandiko ku ihina n'ihimbamwandiko | ✓ Ihinamwandiko ku ku isuku n'isukura<br>✓ Ihangamwandiko ku isuku n'isukura | | | |
| | **3.5 Yamuritse ingero zifatika zihamya akamaro k'isuku n'isukura** | • Amajwi, amashusho n'inyandiko ku ngero zifatika zihamya akamaro k'isuku n'isukura | ✓ ingero zifatika zihamya akamaro k'isuku n'isukura | | | |
| | **3.6 Yakoresheje ibinyazina binyuranye ku buryo bukwiye** | • Ibisubizo by'imyitozo ku binyazina | ✓ Ibinyazina | | | |
| **4. Gukoresha Ikinyarwanda** | **4.1 Uwiga yakoresheje** | • Amajwi n'amashusho by'uwiga ateze | ✓ Umwandiko ku nsanganyamatsiko | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **kiboneye agaragaza uburyo bunyuranye bwo gutunganya ubutaka no gukoresha ibinyazina binyuranye** | **Ikinyarwanda kiboneye agaragaza ko yumva umwandiko ku mitunganyirize y'ubutaka abinyujije mu ngiro zitandukanye** | amatwi atarogoya | yerekeye imitunganyirize y'ubutaka<br>✓ Ibimenyetso by'uteze amatwi atarogoya | | | |
| | **4.2 Yashubije neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko** | • Amajwi n'amashusho ku bisubizo ku kumva umwandiko | ✓ Inyunguramagambo<br>✓ Insanganyamatsiko y'umwandiko<br>✓ Indangangakiro na kirazira<br>✓ Ingingo z'amateka n'umuco | | | |
| | **4.3 Yasomye neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza** | • Amajwi n'amashusho ku isomwa ry'umwandiko | ✓ isesekaza n'utwatuzo | | | |
| | **4.4 Yahinnye** | • Amajwi, amashusho | ✓ Ihimbamwandiko | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **anahimba umwandiko akurikiranya neza ingingo** | n'inyandiko ku ihimba n'imurikamwandiko | | | | |
| | **4.5 Yamuritse ingero zifatika zihamya imitunganyirize iboneye y'ubutaka** | • Amajwi n'amashusho ku ngero zifatika zihamya imitunganyirize y'ubutaka | ✓ ingero zifatika zihamya imitunganyirize y'ubutaka | | | |
| | **4.6 Yakoresheje ibinyazina binyuranye ku buryo bukwiye** | • Ibisubizo ku mikoreshereze y'ibinyazina | ✓ Ikinyazina | | | |
| **5. Gukoresha neza uburyo bunyuranye bw ' ubwumvane no kwandika yubahiriza imyandikire y'Ikinyarwanda.** | **5.1 Uwiga yakoresheje Ikinyarwanda kiboneye agaragaza ko yumva ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane mu** | • Amajwi, amashusho by'uwiga ateze amatwi atarogoya | ✓ Ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane<br>✓ Ibimenyetso by'uteze amatwi atarogoya | | | |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **ngiro zitandukanye** | | | | | |
| | **5.2 Yashubije neza ibibazo mu mvugo iboneye ku ikinamico** | • Amajwi, amashusho ku bisusbizo byo kumva umuvugo | ✓ Inyunguramagambo ku ngeri y'ikinamico<br>✓ Ingingo z'umuco n'amateka | | | |
| | **5.3 Yasomye neza ikinamico yubahiriza uturango twayo** | • Amajwi n'amashusho uwiga asoma ikinamico | ✓ Isesekaza n'utwatuzo | | | |
| | **5.4 Yahimbye anakina ikinamico ahuza imvugo n'ingiro** | • Amajwi n'amashusho n'inyandiko ku kinamico | ✓ Udukino ku nsanganyamatsiko ishingiye ku bwumvane | | | |
| | **5.5 Yakoresheje neza inzego z'ururimi** | • Ibisubizo ku myitozo y'ikoreshwa ry' inzego z'indimi | ✓ Inzego z'ururimi | | | |
| | **5.6 Yubahiriza imyandikire y'amazina bwite** | • Ibisubizo ku myitozo yo kwandika amazina bwite | ✓ Amazina bwite | | | |